# 185: Genda mu mucyo wa Yesu

1. Genda mu mucyo wa Yesu, Aguhishurire Ubury' Umwuk' afatanya Abana b'umucyo.

2. N' ugendera mu mucyo we, Uraba wuzuye N'lyera yang' umwijima, Ituye mu mucyo,

3. N' ugendera mu mucyo we, Ibyaha byakwishe Birozwa n'amaraso ye, Nuk' uhumanuke.

4. N' ugendera mu mucyo we, Azagutinyura Imva n'urupfu, wibuke Ko yabinesheje.

5. Ugendere mu mucyo we, Umwijim' ushire, Uvirw’ iteka n'umucyo Wiman' ihoraho.

6. Kugendera mu mucyo we N’ inzir' iboneye N'iy'amahoro n'ineza, Yes' agushorera.

7. Jy'ugendera mu mucyo we, Uhung' umwijima : Ni hw amaras’ akweza de, Ng' uhor' utunganye.

8. Kandi mu mucyo wa Yesu, Dusangamw abandi Baz' Umurokozi na bo, Tukamusangira.

Visit us at indirimbo.com